Imana yohereza Mose muri Egiputa

KUVA IGICE CYA 3-12

Hitamo imyitozo ihuje n'ibyo umwana wawe akeneye n'ibimushishikaza, maze mubiganireho mu muryango.

SOMA MU KUVA IGICE CYA 8

Noneho, musome inkuru ishushanyije yo muri Bibiliya (kuri interineti cyangwa ku rupapuro rucapye), nimurangiza muganire ku bibazo biri ku mpera y'iyo nkuru.

GERAGEZA GUKORA IBI BIKURIKIRA: Mwige ibyabaye mu myaka 1545 nyuma y'aho Yehova akuriye Abisirayeli muri Egiputa. Musome kandi muganire ku magambo agize indirimbo ya 8 ifite umutwe uvuga ngo "Ifunguro ry'Umwami rya Nimugoroba" mu gitabo *Turirimbire Yehova* (kiri kuri www.jw.org ahanditse ngo IBITABO > IBITABO N'UDUTABO). Hanyuma mwitoze kuyiririmbira hamwe mu muryango mukoresheje injyana yayo iboneka ahanditse ngo IBITABO > UMUZIKA.

INDI MYITOZO WACAPA



UMWITOZO USHINGIYE KU MASHUSHO

SIGA AMABARA: Ongera usome mu Kuva 7:19; 8:6, 17. Noneho, saba abana bato bagerageze kuvuga amazina y'ibyago bitatu bya mbere Imana yateje Egiputa. Hanyuma ubasabe gusiga amabara mu ishusho.



UMWITOZO WO KWIYIGISHA

NI NDE WABIVUZE? Saba abana bakuru guhuza amagambo n'izina ry'umuntu wayavuze. Ibisubizo biri mu mirongo y'Ibyanditswe yatanzwe.

TWIGE BIBILIYA

AGAFISHI K'UMUNTU UVUGWA MURI BIBILIYA: Soma ibyaranze uwo muntu. Baza ibibazo biri ku gafishi. Ifashishe udufishi tw'abantu bavugwa muri Bibiliya twose tuboneka kuri www.jw.org, kugira ngo ufashe umwana gutahura abantu batatu bakoreye Imana bakiri bato. Ibisubizo biboneka muri iyi mirongo ikurikira: Intangiriro 37:2; 39:2; 1 Samweli 2:21; 16:12, 13; 2 Abami 22:1, 2; Daniyeli 1:3-9; 2 Timoteyo 1:2; 3:15.

Imyitozo iri kuri iyi paji wayisanga ku rubuga rwa jw.org. Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > ABANA > IBYO MWAKWIGA MU MURYANGO.

www.jw.org © 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania